REPUBURIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# Umusaruro mbumbe w'igihembwe cya mbere cya 2023

Mu gihembwe cya mbere cya 2023, umusaruro mbumbe w'igihugu wari miliyari 3.901 z'amafaranga y'u Rwanda, uvuye kuri Miliyari 3.021 mu gihembwe cya mbere cya 2022. Umusaruro muri Serivisi wari 44% by'umusaruro mbumbe wose, Ubuhinzi bwatanze 27%, Inganda zitanga 22% by'umusaruro mbumbe wose.

Muri iki gihembwe, umusaruro mbumbe wiyongera ku rugero rwa 9.2%.

Mu byiciro by'ubukungu, umusaruro wiyongereye kuburyo bukurikira:

- Ubuhinzi: 1%
- Inganda: 9%
- Serivisi: 13%

**Mu buhinzi**, umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo wagabanutseho 3% bitewe n'umusaruro muke w'igihembwe cya mbere cy'ihinga cya 2023. Umusaruro w'ibihingwa ngengabukungu wiyongereyeho 25% bitewe no kwiyongera kw'umusaruro wa kawa n'icyayi.

**Mu nganda**, imirimo y'ubwubatsi yiyongereyeho 1%, umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri wiyongereyeho 15% naho umusaruro w'inganda zitunganya ibintu bitandukanye wiyongereyeho 16%.

Ukwiyongera kw'umusaruro w'inganda zitunganya ibintu bitandukanye kwatewe ahanini no kwiyongera kw'umusaruro w'inganda zitunganya ibiribwa wazamutseho 22%, umusaruro w'inganda zitunganya ibyuma wazamutseho 26%. Umusaruro w'inganda zitunganya ibinyabutabire na parasitike wiyongereyeho 37%, naho uw'inganda zitunganya ibikomoka kubiti n'impapuro wiyongereyeho 18%.

**Muri serivisi**, umusaruro w'ubucuruzi buranguza n'ubudandaza wazamutseho 17%, ibikorwa by'ubwikorezi bizamukaho 19%, umusaruro w'amahoteli na resitora wazamutseho 42%, uwa serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho wiyongereyeho 43%, uwa serivisi z'ibigo by'imari n'ubwishingizi wazamutseho 12%, umusaruro w'imirimo y'ubuyobozi bwite bwa leta wazamutseho 7%, umusaruro w'uburezi uzamukaho 13% naho uwa serivisi z'ubuzima ugabanukaho 3%.

Ku bindi bisobanuro birambuye, mwasura urubuga : www.statistics.gov.rw

**Bikorewe i Kigali kuwa 19 Kamena, 2023**

**MURANGWA Yusuf**
Umuyobozi Mukuru